IMANA ISOHOZA AMASEZERANO YAYO

IGITABO CY'AMASENGESHO N'INYIGISHO ZA NOHELI BIGENEWE IMIRYANGO IRI MURI SOUTHEAST KIDS

Copyright © 2026 Southeast Christian Publishing.

Uburenganzira bwose kuri iki gitabo ni ubwacu.

Southeast Christian Church
920 Blankenbaker Parkway
Louisville, KY 40243

www.southeastchristian.org

Imirongo y'Ibyanditswe Byera iriho ikimenyetso (NIrV) yakuwe muri Bibiliya Yera, izwi nka New International Reader's Version®, NIrV® Copyright © 1995, 1996, 1998, 2014 ya Biblica, Inc.™ Ikoreshwa ku bw'uruhushya rwa Zondervan. Ifite kandi yihariye uburenganzira bw'icyo gitabo ku isi hose. www.zondervan.com "NIrV" na "New International Reader's Version" ni amazina y'ibirango yanditswe kandi yihariwe byemewe n'amategeko muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Biblica, Inc.™

IMANA ISOHOZA AMASEZERANO YAYO

IGITABO CY'AMASENGESHO N'INYIGISHO ZA NOHELI BIGENEWE IMIRYANGO IRI MURI SOUTHEAST KIDS



INTANGIRIRO

Turabashimira byimazeyo ku kwifatanya natwe mu nyigisho n'amasengesho bikubiye muri iki gitabo mu rwego rwo kwiyegereza Imana mu gihe cya Noheli bifite umutwe ugira uti: "Imana Isohoza Amasezerano Yayo". Guhera muri Kamena, abana bo mu mashuri abanza bamaze igihe biga ku Isezerano rya Kera n'amasezerano Imana yagiranye n'ubwoko bwayo—amasezerano yihariye kandi ndakuka Imana yogiye igirana n'abantu bayo. Muri uku kwezi k'Ukuboza, bazakomereza mu Isezerano Rishya, bakurikirana ibyabaye mbere y'ivuka rya Yesu. Iyi nyigisho iributsa aho abana bamaze kunyura, kandi ikagaragaza bishimishije ko Imana isohoza amasezerano yayo, kandi ko yohereje impano yayo iruta izindi zose, ari yo Yesu.

Niba ari ubwa mbere mutegura umwanya wo gusengera no kwiga Ijambo ry'Imana muri kumwe nk'umuryango, turabashyigikiye kandi tubifurije umwete: igihe muzamarana ntikizaba gitunganye ibihe byose. Abana bashobora kwicara batuje cyangwa ntibabibashe, ndetse bashobora no kugaragara nk'aho batari kumva, ariko nta kibazo—ntimucike intege! Mukomeze kugira akamenyero ko guhagarara gato mu byo mukora bya buri munsi, mugafata umwanya wo gusoma imirongo ya Bibiliya n'inyigisho byateganyijwe kuri uwo munsi. Ku bana bato, mugerageze kubaha impapuro n'amakaramu y'amabara kugira ngo bagaragaze ibyo bumvise bashushanya, cyangwa mubareke "bakurikire" muri Bibiliya yabo bwite. Ku bana bakuru, mubashishikarize gusoma imirongo mu ijwi riranguruye, kwibaza ibibazo, cyangwa se kuyobora umuvandimwe wabo muto mu gusoma inyigisho y'uwo munsi.

Kubera ko ukwezi k'Ukuboza gukunze kubamo imirimo myinshi, buri munsi wo ku Cyumweru wateguriwe nkana kuba umunsi w'ikiruhuko cyangwa wo gusubira mu byo mwize cyangwa ibyo mwasimbutse, hamwe kandi n'isengesho ry'umuryango ryo gusoma mu ijwi riranguruye n'igikorwa mushobora gukora niba mubishaka. Twashyizemo kandi umurongo ndangabihe ubafasha kumenya uko ibyabaye bikurikirana, n'ibikorwa bibiri byo kwifatanyamo biri ku mpera z'igitabo: umukino wo gushakisha no kubona amashusho yihishe, n'ishusho y'ivuka rya Yesu yuzuzwa hakoreshejwe udupapuro dufatana (stickers) (mushobora kugenda mwongeraho agapapuro kamwe buri cyumweru, cyangwa mukabika twose kugeza ku munsi wa Noheli mu gihe musoma Luka 2).

Mu gihe muri kumwe kandi mwifatanya muri ibi bihe, turasenga dusaba ngo umuryango wanyu ujye ubasha kubona akanya ko gutekereza no gutangarira ibyo Imana yakoze. ngo umuryango wanyu ugabanye guhangayika, ubone umwanya wo gutangara no gutekereza. Imana irusheho kwiyegereza buri wese muri mwe muri iyi Noheli.

Imigisha ya Noheli,
Southeast Kids

Kugira ngo mubone andi makuru n'ubufasha bigenewe imiryango, mudusange kuri murandasi musikana iyi kode ya QR.

IBIRIMO

Umurongo w'Ibihe byo mu byanditswe Byera	1
1-Ukuboza-Adamu no Kugwa mu Cyaha byanditswe na Bill Rattray	4
2-Ukuboza-Isezerano Imana Yagiranye na Nowa byanditswe na Makenzie Mullin	5
3-Ukuboza-Isezerano Imana Yagiranye na Aburahamu byanditswe na Tim Hester	6
4-Ukuboza-Isezerano Imana Yagiranye na Mose byanditswe na Chris Denney	7
5-Ukuboza-Isezerano Imana Yagiranye na Dawidi byanditswe na Shepherd na Reid Milliken	8
6-Ukuboza-Isengesho byanditswe na Carley Buckingham	9
Ibyishimo by'Umuryango byanditswe na Anna Laura Turner	10
7-Ukuboza-Imyaka yo Guceceka byanditswe na Brandon Braun	11
8-Ukuboza-Imana Isubira Kuvuga byanditswe na Bryce Osborne	12
9-Ukuboza-Marayika Asura Mariya byanditswe na Jodi Seevers	13
10-Ukuboza-Indirimbo ya Mariya byanditswe na Christy Weaver	14
11-Ukuboza-Indirimbo ya Zakariya byanditswe na Caleb Hutchcraft	15
12-Ukuboza-Yosefu byanditswe na Craig Donnelly	16
13-Ukuboza-Isengesho byanditswe na Carley Buckingham	17
Ibyishimo by'Umuryango byanditswe na Anna Laura Turner	18
14-Ukuboza-Kayisari Awugusito Ategeka ko Habaho Ibarura byanditswe na Brandon Braun	19
15-Ukuboza-Yesu Aza Bucece byanditswe na Tessa Young	20
16-Ukuboza-Abashumba Bumva Inkuru Nziza byanditswe na Sara Whitbeck	21
17-Ukuboza-Ikuzo n'Igitangaza byanditswe na Lacey Boze	22
18-Ukuboza-Gutegereza Igihe Kirekire kwa Simiyoni byanditswe na Cheryl na Murphy Belding	23
19-Ukuboza-Ana Yategerezanyije Ukwizera byanditswe na Sharon Neville	24
20-Ukuboza- Isengesho byanditswe na Carley Buckingham	25
Ibyishimo by'Umuryango byanditswe na Anna Laura Turner	26
21-Ukuboza-Abanyabwenge Bahura na Herode byanditswe na Julie Clark	27
22-Ukuboza-Abanyabwenge Babona Yesu byanditswe na Brandon Braun	28
23-Ukuboza-Mbere ya Betelehemu byanditswe na Susan Wilder	29
24-Ukuboza-Imana Isohoza Amasezerano Yayo byanditswe na Bill Rattray	30
25-Ukuboza-Emanweli Yaje! byanditswe na Jennifer DeVries	31
Ibyishimo by'Umuryango: Shakisha Ubone	35
Ibyishimo by'Umuryango: Ivuka rya Yesu mu Dupapuro Dufatana (stickers) n'Isengesho byanditswe na Carley Buckingham	37

Iki gitabo cyanditswe n'abakozi n'abakorerabushake ba Southeast baturutse ku mashami n'amatsinda y'ukwemera atandukanye. Bose, buri wese muri bo, batanga inyigisho zanditse btekereza ku muryango wanyu. N'ubwo buri nyigisho ifite itandukaniro n'ijwi ryayo, zose zerekeza ku nkuru imwe (Ivuka rya Yesu).

UMURONGO W'IBIHE BYO M

IMANA

ISEZERANO RYA KERA

IMANA YAREMYE BYOSE



IMANA IGIRANA ISEZERANO NA NOWA



ABISIRAYELI BAVA MURI EGIPUTA



ABISIRAYELI BINJIRA MU GIHUGU CY'ISEZERANO



IMANA IGIRANA ISEZERANO NA ADAMU



IMANA IGIRANA ISEZERANO N'ABURAHAMU



IMANA IGIRANA ISEZERANO NA MOSE



IMANA IGIRANA ISEZERANO NA DAWIDI

O MU BYANDITSWE BYERA



UBWAMI BUCIKAMO IBICE

SHHH

IMANA IMARA IMYAKA 400 ICECETSE



YESU APFIRA KU MUSARABBA KANDI ARAZUKA!

NI UKO TWABAYEHO

ISEZERANO RISHYA | UBU | IBIZAZA

IJURU RISHYA N'ISI NSHYA

ABIZERA BAZABANA N'IMANA MU IJURU



ABAHANUZI



YESU ARAVUKA



ITORERO RITANGIRA

YESU ARAGARUKA

YESU KANDI AZAGARUKA



1 UKUBOZA

ADAMU NO KUGWA MU CYAHA

SOMA: ITANGIRIRO 1:1; 1:26-30; 2:15-17; 3:1-7; 3:14-19

Ese wigeze wibaza uko byari biri mbere...mbere y'uko isi ibaho? Mbere y'uko habaho *ikintu na kimwe*?

Mbere y'itangiriro rya byose, hariho, IMANA yari ihari:

"Mbere y'uko urema isi yose kandi imisozi itarabaho, uhereye mu itangiriro ukageza ku iherezo, uri Imana." (Zaburi 90:2)

Hanyuma, Imana irema BYOSE!

"Mbere na mbere, Imana yaremye ijuru n'isi." (Itangiriro 1:1)

Mu bubasha bw'ijambo ryayo, iravuga maze amanywa n'ijoro, ikirere, ubutaka, ibiti, izuba, ukwezi, inyenyeri, amafi yoga mu nyanja, inyoni n'ibisiga biguruka, n'inyamaswa zigenda, izikururа inda n'izurira biraremwa!

Ku munsi wa gatandatu, Imana yaremye ikintu cyihariye kandi gihebuje CYANE:

"Imana yaremye abantu mu ishusho yayo." (Itangiriro 1:27)

Imana yaremye abantu! Yaraturemye igirana isezerano natwe *kandi iryo sezzerano* nii ndakuka. Yaraturemye ngo twuzure isi ndetse twite ku isi yayo nziza cyane—isi tugomba kubaniramo n'Imana mu rukundo rwayo ruhebuje iteka ryose.

Gusa abantu ba mbere, ari bo Adamu na Eva, ntibumviye itegeko ry'Imana. Bumvise ikinyoma cy'inzoka. Aho kwiringira Imana, bahitemo kugendera nzira zabo bwite, maze bakora ikintu kimwe Imana yari yarababujije: barya imbuto zo ku giti cyo kumenya icyiza n'ikibi.

Hanyuma rero... "Icyaha cyinjiye mu isi bitewe n'umuntu umwe wacumuye..." (Abaroma 5:12)

Icyaha cya Adamu na Eva cyageze ku bantu BOSE, maze kidutandukanya n'Imana.

Gusa, Imana yari ifite umugambi.

Yari kongera gusana isi twari twarangije. Yari guca inzira kugira ngo abantu bacike ingoyi y'icyaha n'urupfu, babane n'Imana, ndetse basangire urukundo rwayo ruhebuje iteka ryose.

Umugambi w'Imana wari *umuntu*.

Kandi izina ry'uwo muntu ni *Yesu*.

Yesu ni Umwana w'Imana w'ikinege. Imana yatanze isezerano ko azaza agatsinda inzoka, kandi agakuraho ingaruka icyaha cyari cyarazanye mu isi. Binyuze muri Yesu, twashoboraga kongera kubana no gusabana n'Imana.

Iri sezerano rya Yesu ni ho Noheli yatangiriye.



2 UKUBOZA

ISEZERANO IMANA YAGIRANYE NA NOWA

SOMA: ITANGIRIRO 9:8-17

Tekereza ko hagiye kugwa imvura nyinshi cyane. Ariko aho kugira ngo ufate ikoti ry'imvura, inkweto z'imvura n'umutaka mbere yo gusohoka mu nzu, ababyeyi bawe bakakubwira ngo winjire mu bwato.

Ese ntibyagutangaza ukanabaseka,ubundi ukababaza uti: "Ubuhe bwato?", mu gihe usohoka mu muryango?

Ibyo birumvikana nk'ibidasanzwe, si byo? Ushobora kwibaza impamvu wakenera ubwato ku mvura nke gusa.

Gusa Nowa we yari akeneye ibirenze umutaka. Yari akeneye bwa bwato budasanzwe koko! Ariko kubera iki?

Imana yabonye ko abantu bari barabaswe n'ibyaha. Barababazanyaga, kandi isi yari yuzuye ibyaha. Nuko Imana ifata wo kurimbura isi ikoresheje umwuzure ukomeye.

Ariko Nowa yakundaga Imana kandi akayiramya. Imana ibwira Nowa kubaka inkuge (ubwato bunini cyane).

Si uko imvura yagwaga.

Si ukujya kuroba.

Ndetse si n'ubwato bwo gutemberamo.

Ahubwo ni uko hari ikintu gikomeye cyari kigiye kuba.

Ese iyo aba wowe wari kwizera Imana ukubaka ubwo bwato?

Nowa yarabikoze. Yubatse inkuge, yizera ko Imana izarinda umuryango we, nubwo yari atarabona n'igitonyanga na kimwe cy'imvura.

Umwuzure waje nk'uko Imana yari yabivuze. Imana yibuka isezerano ryayo ryo kurinda Nowa, umuryango we, n'inyamaswa zari mu nkuge.

Ariko si ibyo gusa. Waba warigeze ubona umukororombya mu kirere? Umwuzure umaze gukama, inkuge igahagarara ku musozi, Imana yagiranye na Nowa isezerano ryihariye kandi ndakuka. Imana yavuze ko itazongera kurimburisha isi n'ibinyabuzima byose amazi ukundi.

Inkuru ya Nowa itwibutsa ikintu cy'ingenzi ku Mana. Iyo turi mu cyaha, Imana idushakira uburyo gukizwa.

Imyaka myinshi nyuma ya Nowa, Imana yohereje Yesu ngo yongere adukize ibyaha. Yesu ni we Mukiza Imana yasezeranye kutwoherereza ngo adukize ibyaha byacu.

Imana yasohoje isezerano yagiranye na Nowa. Imana yasohoje isezerano ryayo ryo kohereza Umukiza Yesu. Imana izasohoza amasezerano yayo kuri wowe!



3 UKUBOZA

ISEZERANO IMANA YAGIRANYE NA ABURAHAMU

SOMA: ITANGIRIRO 12:1-3; 15:1-6; 17:1-8

Imana yakundaga Aburahamu. Yaramukundaga cyane ku buryo yagiranye na we isezerano ryihariye kandi ndakuka. Iryo ni ryo sezerano.

Imana yasezeranyije Aburahamu azaba sekuruza w'amahanga yose. Imusezeranya kandi ko izamuha igihugu kinini. Icyo gihugu kikazaba umurage w'umuryango w'Aburahamu iteka ryose!

Imana yabwiye Aburahamu ko izamuha umwana w'umuhungu. Uwo muhungu na we akazabyara abandi bana benshi. Hanyuma icyo gihugu kikazakomeza kwaguka binyuze muri bo!

Ariko Aburahamu yari ashaje. Nta mwana n'umwe yari afite igihe Imana yamuhaga iryo sezerano. Ryasaga nk'aho iryo sezerano ridashoboka.

Iyo Imana itanze isezerano, iteka irarisohoza. Icyo Imana yavuze cyose, kirasohora. Buri gihe. Nubwo byafata igihe kirekire ngo isezerano risohore, rirasohora.

Byari bigoye ko Aburahamu yizera isezerano Imana yari imuhaye. Byari bimugoye gutegereza ko Imana imuha umwana w'umuhungu. Ariko Aburahamu yizeye Imana. Kandi Aburahamu yarayitegereje.

None urakeka byaragenze bite? Nyuma y'igihe gito, Imana yarabikoze!! Imana yatumye Aburahamu aba sekuruza w'ishyanga rikomeye. Imana yamusezeranyije ko binyuze mu ishyanga rye, abantu b'isi bose bazahabwa umugisha. Imana isohoza amasezerano yayo!

Amaherezo, Imana yahaye Aburahamu umuryango MUNINI. Igihe umuryango we wakomezaga kwaguka, Imana yatanze irindi sezerano. Yasezeranye ko umunsi umwe, umwana azavukira mu muryango wa Aburahamu. Uwo Mwana akabera umugisha isi yose.

Uwo mwana ni Yesu.

Matayo yanditse ko Yesu azakiza abantu ibyaha byabo. Ni yo mpamvu tunezezwa cyane no kwizihiza ivuka rya Yesu kuri Noheli.

Imana igukunda nk'uko yakundaga Aburahamu. Imana nawe yaguhaye isezerano ryihariye. Yasezeranye ko niwizera Yesu, uzabana n'Imana ahantu heza hihariye iteka ryose.

Imana buri gihe isohoza amasezerano yayo...nubwo yatinda.



4 UKUBOZA

ISEZERANO IMANA YAGIRANYE NA MOSE

SOMA: KUVA 2:23-25; 6:2-8

Ikintu kimwe kingora kumva ni impamvu ibintu bimwe "bigumya" mu bwonko bwanjye, ibindi bikinjirira mu gutwi kumwe bigasohokera mu kundi. Nshobora kwibuka amagambo y'indirimbo za kera cyane, ariko nkibagirwa vuba icyo nariye ku manywa mu minsi ibiri ishize! Nibuka ibyo abantu bansezeranyije, ndetse nanjye mpa abandi amasezerano. Kwibuka no gusohoza amasezerano yacu ntibiba byoroshye buri gihe. Waba warigeze wibagirwa gusohoza isezerano watanze?

Kubera ko Imana ishobora byose, ibasha kwibuka bihebuje, ntijya yibagirwa! Ariko se kubera iki Bibiliya itubwira ko Imana yibutse amasezerano yayo? Ese Imana yari yabanje kwibagirwa isezerano ryayo? Ese ryayigarutse mu bwenge gutyo gusa, nk'amagambo y'indirimbo ya kera?

Ijambo "yibutse" ntirisobanura ko Imana yandikaga ahantu kugira ngo izabashe kwibuka. Iyo Bibiliya ivuze ko Imana yibutse, iba ishaka kuvuga ko yari igiye gusohoza rimwe mu masezerano yayo. Kera cyane, Imana yari yatanze isezerano ryo gufasha Abisirayeli. Imyaka amagana, ariko Imana ntiyigeze yibagirwa isezerano ryayo. Nyuma rero Imana yakurikijeho iki? Yatoranyije umugabo witwa Mose. Ibinyujije mu gihuru cyakaga umuriro, Imana yabwiye Mose ko izamukoresha ngo akize ubwoko bwayo ubucakara. Imana yaributse. Hanyuma, Imana irakora!

Birashoboka ko benshi mu bwoko bw'Imana bari abacakara muri Egiputa bari baribagiwe isezerano yari yarahaye ba sekuruza babo. Benshi ndetse bari bataranaryumva na rimwe. Ibihe bikomeye,by'amagorwa bishobora gutuma twibagirwa. Nubwo byaba bisa nk'aho Imana itari gukora, yo ntiyigera yibagirwa. Iyo Bibiliya ivuga iti: "Imana yibutse," haba hari ikintu gikomeye kigiye kuba!!

Noheli ni ukwizihiza Yesu, Umwana w'Imana, waje mu isi gukiza abantu bose bazamwizera bakamwumvira. Ya Mana yibutse Isirayeli igihe bari mu bucakara ni yo yibutse ko isi yose yari ikeneye Umukiza. Imana yatwibutse ndetse na mbere y'uko tuvuka! Uko kwibuka ni ko kwatangije umugambi wo kohereza Yesu ku isi, kugira ngo dukizwe icyaha kandi tubane n'Imana iteka ryose. Imana iribuka, kandi Imana buri gihe isohoza Ijambo ryayo!



5 UKUBOZA

ISEZERANO IMANA YAGIRANYE NA DAWIDI

SOMA: 2 SAMWELI 7:8-16

Waba warigeze ugira umuntu uguha isezerano maze akaza kuryica? Umunsi umwe, mushiki wanjye yansezeranyije ko azampa agapaki kose ka bombo za Skittles ndamutse mumurumishije rimwe kuri bombo yanjye ya Airheads. Akenshi iyo dutanga amasezerano, bimera bitya: "Ndagusezeranya gukora *iki* NIBA nawe unsezeranyije gukora *kiriya*."

Ariko Imana si ko ikora. Ntivuga iti: "Nzaguha *iki*, ariko ari uko gusa nawe umpaye *kiriya*." Iyo Imana itanze isezerano, BURI GIHE IRARISOHOZA, nubwo twe twakwica ayo twayihaye.

Uyu munsi, turasoma ku isezerano ryihariye Imana yagiranye na Dawidi. Yari umwami w'ubwoko bw'Imana, Abisirayeli.

2 Samweli 7:16 haravuga hati: "Inzu y'ubutware bwawe n'ubwami bwawe bizahoraho iteka imbere yanjye. Intebe yawe y'ubwami izahoraho iteka ryose." "Inzu y'ubutware" bisobanura intebe y'ubwami cyangwa ingoro y'umwami. Imana yasezeranyije Dawidi ko umuntu wo mu muryango we azategeka ari umwami ITEKA RYOSE.

Nyuma y'imyaka hafi 420, Abisirayeli bashobora kuba barumvaga ko Imana yibagiwe isezerano ryayo. Umurwa wabo wari warasenywe. Ntibari bakiba muri Isirayeli. Abisirayeli bashobora kuba baribwiraga bati: "Sinibwira ko Imana izasohoza isezerano yahaye Dawidi."

Niba Imana yaratanze isezerano ko hazahora hariho umwami, dushobora kuyiringira nubwo tutazi UKO izasohoza isezerano ryayo.

Noneho, reka turebe uko ibi byose bihura na Noheli. Yesu ni we gisubizo cy'iri sezerano, kuko Yesu ari uwo mu muryango w'Umwami Dawidi. Dawidi yari sogokuruza wa Yesu, ukongeraho n'ibindi bi "sogokuruza" 30. Iyo tugeze kuri Noheli, tubona Yesu ari we Mwana wa Dawidi wasezeranyijwe. "Intebe yawe y'ubwami izahoraho iteka ryose" bisobanura ko Yesu atazigera areka gutegeka ubwoko bwe.

Buri mwami akwiriye guhabwa impano nziza cyane kurusha izindi. Abanyabwenge bazaniye Yesu impano eshatu: izahabu, icyome n'ishangi. Niba Yesu ari we Mwami wasezeranywe kandi akaba akiri ku ntebe ye y'ubwami, ni izihe mpano wowe ushobora kuzanira Yesu? Ni iki we ashaka koko? (Akantu kagufasha: si izahabu, icyome cyangwa ishangi byinshi kurushaho.)



6 UKUBOZA

ISENGESHO | IBYISHIMO BY'UMURYANGO

Niba umuryango wanyu wari uhuze cyane muri iki cyumweru, mukoreshe uyu munsi kugira ngo mwongere mwisuganye cyangwa mugire igihe cyo guterana nk'umuryango.

Muvugire iri sengesho hamwemu ijwi riranguruye nk'umuryango:

MANA NZIZA!
WOWE, BURI GIHE USOHOZA AMASEZERANO YAWE! WAGIRANYE AMASEZERANO NA ADAMU, NOWA, ABURAHAMU, MOSE NA DAWIDI—KANDI WARAYASOHOJE. URAKOZE KU BW'AMASEZERANO WAMPAYE. MFASHA KUKWIRINGIRA, KUKUMVA NO KUGENDANA NAWE BURI MUNSI. IGIHE NTAZI IBIGIYE GUKURIKIRAHO, MFASHA KWIBUKA KO WOWE UBIZI. URI UWO KWIZERWA. NTIWIGERA WIBAGIRWA AMASEZERANO YAWE, KANDI NTIWIGERA UNTERERANA. NDAGUKUNDA, MANA. NKUNDA KANDI NISHIMIYE KUBA INCUTI YAWE!
MU IZINA RYA YESU, AMINA.

IMITAKO IKOZWE MU IFARINI N'UMUNYU

Wigeze ukora umutako ukozwe mu ifarini ivanze n'umunyu?

Iyi mitako yoroshye kandi ikozwe n'intoki ni uburyo bwiza bwo gufasha umuryango wanyu gutuza, mukaganira ku byababaye muri icyi cyumweru mu gihe muvanga ifarini, muteka mu ifuru, kandi muyitaka muyitegura. Mushobora gukoresha ibiganza byanyu muponda ifarini, cyangwa mukayishyira mu ishusho y'umukororombya, ikamba ry'ubwami cyangwa inyenyeri kugira ngo bibibutse rimwe mu masezerano y'Imana!

Uko Bikorwa
Igikombe 1 cy'ifarini y'ingano isanzwe
½ cy'igikombe cy'umunyu
¼–½ cy'igikombe cy'amazi y'akazuyazi (mutangire na ¼ cy'igikombe, mwongeremo ifarini uko bikenewe)

Muvangire ifarini n'umunyu mu gisorori kinini. Mwongeremo amazi gake gake, muvanga neza uko muyasukamo. Amazi yose amaze gushyirwamo, mukande iyo farini neza nk'iminota 10 cyangwa kugeza igihe imaze kunoga. Icyo gipondo ntikigomba gufatana ku ntoki! Muyirambure mukoresheje igiti cyangwa ikindi gikoresho cyo kurambura ifarini kugeza igize umubyimba wa ¼ cya inch (hafi milimetero 6). Mukoreshe ibikoresho bikata mu mashusho runaka, icyuma cyangwa intoki zanyu kugira ngo mukore amashusho y'imitako yanyu muri iyo farini. Niba mushaka ko iba imitako yo kumanika, mukoreshe umuheha mutobore umwobo aho mushaka gushyira akagozi ko kuyimanikisha. Muyotse ku bushyuhe bwa 200° F (hafi 95° C) mu gihe cy'amasaha 2-3, muyihindure uruhande igeze hagati y'icyo gihe. Niba muhisemo gusiga amarangi imitako yanyu, mubanze muyireke ihore, hanyuma mukoreshe amarangi ya tempera cyangwa acrylic kugira ngo mushyireho ibishushanyo byanyu.

Mu gihe mukora imitako, mubazanye ibi bibazo:
- Ni nde twatumira mu materaniro yo ku mugoroba ubanziriza Noheli?
- Ni irihe sezerano ry'Imana ukunda kurusha ayandi, kandi kubera iki?

7 UKUBOZA

IMYAKA YO GUCECEKA

SOMA: YESAYA 9:2; MIKA 5:2

Gutegereza bishobora kugorana! Tekereza ukuntu ugomba gutegereza cyane mu gihe cya Noheli! Ugomba gutegereza kugira ngo ufungure impano zawe. Ugomba gutegereza ko ibisuguti bishya mu ifuru. Hanyuma, ugomba gutegereza ko bihora cyangwa bigabanya gushyuha! Ikibabaje kuruta ibindi byose, ugomba gutegereza ko umunsi wa Noheli ugera! Noheli ni igihe cyo gutegereza.

Ni uku byahoze guhera kuri Noheli ya mbere na mbere! Mu Isezerano rya Kera, Imana yahaye ubwoko bwayo isezerano ndakuka.. Yabasezeranyije Umukiza. Abahanuzi b'Imana bibutsaga abantu iri sezerano igihe cyose babonye ayo mahirwe.. Umuhanuzi Mika yanababwiye aho uwo Mukiza azavukira: "Betelehemu Efurata, ushobora kuba utari umujyi ukomeye mu gihugu cya Yudaya. Ariko muri wowe hazava uwo nzagira umutware wa Isirayeli." (Mika 5:2) Umwami Imana yasezeranye yari kuzava mu kajyi gato ka Betelehemu!

Imana yababwiye aho azava, ariko ntiyababwira igihe. Nuko ubwoko bw'Imana burategereza. Ntibyari amasaha cyangwa iminsi gusa—kubara iminsi isigaye ngo Noheli igere byabatwaye imyaka! Kandi ntibyari umwaka umwe cyangwa ibiri gusa. Bategereje imyaka irenga 400 ko Umukiza aza! Ushobora kwiyumvisha gutegereza igihe kingana gutyo? Gutegereza amasegonda 400 gusa birakomeye bihagije! (Mu by'ukuri, shyiraho isaha ibara igihe maze urebe igihe ushobora kwihangana!) Ibisekuruza byinshi by'abantu byarategereje bitabonye isezerano risohora. Byakumvikana bite gutegereza isezerano nk'iryo?

Gutegereza bishobora kugorana. Birushaho kugorana iyo utegereje impano nziza cyane. Ariko Imana ntiyatinze gusohoza isezerano ryayo. Yategerezaga igihe gikwiriye. Igihe nyacyo amaherezo kigeze, Imana yohereje Umwana wayo Yesu i Betelehemu. Umucyo w'Isi waje kwirukana umwijima w'impungenge zacu n'uwo gutegereza kwacu (Yesaya 9:2). Imana yakoze byose nk'uko yari yarasezeranyije kubikora!

Gutegereza bishobora kuturakaza, biakaduhungabanya cyangwa tukayoberwa. Dushobora kwibaza impamvu Imana yatuma dutegereza igihe kirekire gutyo. Yesu atwibutsa ko amasezerano y'Imana akwiriye gutegerezwa. Iyo dutegereje, ntidukozwa isoni!

IMYAKA 400

CECEKA

8 UKUBOZA

IMANA ISUBIRA KUVUGA

SOMA: LUKA 1:5-26

Waba warigeze utegereza ikintu igihe kirekire cyane ku buryo watekereje ko kitazigera kibaho? Nko gutegereza inshuti ije kugusura, igikorwa wateguye cyihariye ku isabukuru yawe, ifunguro ukunda kurusha ayandi, cyangwa umunsi wapanzeho gukora ikintu runaka wishimira cyane? Fata iminota mike uvuge ku gihe kirekire kuruta ibindi wigeze utegereza ikintu wifuzaga cyane.

Mu Isezerano rya Kera, Imana yavuganaga n'ubwoko bwayo, Isirayeli, ikoresheje abahanuzi. Abo bahanuzi bumvaga ubutumwa buturutse ku Mana, hanyuma bakababubwira abantu. Rimwe na rimwe, ubutumwa bwabaga bwerekeye ibizaba mu bihe bizaza, nko kuza k'Umukiza. Ikindi gihe, bwabaga ari umuburo wo kugarukira Imana no kuyikurikira. Isirayeli yanze kumvira Imana kenshi na kenshi, kandi binangira kumva abahanuzi bayo. Ni uko Imana ireka kuvuga ikoresheje abahanuzi nk'uko yabikoraga mbere—mu gihe cy'imyaka 400.

Guceceka ntibyasobanuraga ko Imana yibagiwe gusohoza isezerano ryayo ryo kohereza umuntu wo kubakiza ibyaha byabo. Muri Luka 1, hari umutambyi witwaga Zakariya wakoraga mu ngoro y'Imana. Bwa mbere, nyuma y'igihe kirekire cyane, Imana yongeye kuvuga! Gutegereza kwari kurangiye! Imana yari irimo guharura inzira kugira yo kuza k'Umukiza! Marayika w'Uwiteka, Gaburiyeli, yabonekeye Zakariya uwo munsi, amubwira ko we n'umugore we, Elizabeti, bagiye kubyara umwana uzitwa Yohana. Imana yari igiye gukoresha Yohana mu gutegurira abantu Umukiza wasezeranyijwe, Yesu! Zakariya yatekereje ko iyi nkuru ari nziza cyane ku buryo kuyiyumvisha byamugoye yumva idashobora kuba ukuri. Kubera kutizera kwe, marayika yatumye Zakariya aba ikiragi kugeza umwana we avutse. Ariko ibyo ntibyahagaritse umugambi w'Imana!

Inkuru y'uyu munsi ibe urwibutso rwo gusangiza abandi Inkuru Nziza y'isezerano ry'Imana riruta ayandi, ari ryo Yesu. N'ubwo byatwaye igihe kirekire, Imana ntiyahwemye gukora buri munsi. Rero, n'igihe tugomba gutegereza, tugomba guhora twiringiye ko Imana isohoza amasezerano yayo!



9 UKUBOZA

MARAYIKA ASURA MARIYA

SOMA: LUKA 1:26-38

Waba warigeze usezeranya umuntu ikintu? Wenda wisezeranyije ko usukura mu cyumba cyawe. Cyangwa wasezeranyije inshuti yawe ko uzazana bombo ngo musangire. Iryo sezerano,iryo ryaba ari ryo ryose, washakaga kumenyesha umuntu ko uzakora ibyo wavuze ko uzakora.

Imana natwe ni ko ibitugirira. Tumaze igihe twiga ku ijambo "isezerano"—isezerano ryihariye kandi ndakuka Imana igirana n'ubwoko bwayo—kandi ko Imana isohoza amasezerano yayo buri gihe. BURI gihe!

Muri Luka 1:26, dusoma ko Imana yohereje marayika Gaburiyeli gusura Mariya. Mbere gato y'uru ruzinduko, Imana yari yanohereje Gaburiyeli gusura umugabo wa Elizabeti, Zakariya. Kandi imyaka irenga 500 mbere y'aho, Imana yari yarohereje Gaburiyeli gusura Daniyeli. Igihe cyose Gaburiyeli yabonekaga, yazanaga ubutumwa bw'ingenzi buturutse ku Mana! Muri uru ruzinduko kwa Mariya, yari afite ubundi butumwa bw'ingenzi: Uzabyara Umwana w'umuhungu, uzamwite Yesu!

Nyamara Mariya yari afite ibibazo. Yari akiri muto cyane kandi atarashaka umugabo. Muri icyo gihe, yari azi ko ibyo bishobora kumutera ibibazo bikomeye...umuryango we washoboraga kumwanga, ukamuca, akaba yasigara nta hantu afite ho kuba. Ariko, ubwo yumvaga Gaburiyeli avuga ati: "...ibyo Imana ivuga bizahora bisohora" (umurongo wa 37), Mariya yamenye ko Imana yamusabaga kuyikorera, maze nta gushidikanya ahita yumvira icyo Imana isaba. Yabwiye Gaburiyeli ati: "Nkorera Uwiteka...Bimbeho nk'uko uvuze" (umurongo wa 38).

Muri ako kanya, Mariya yamenye ko Imana yari imukoresha ikintu cyihariye cyane. Ntiyari yagasobanukiwe byose, ariko yiringiye Imana kandi yari yiteguye kuyikorera! Nyuma yaje kumenya ko Imana izakoresha umwana wari mu nda ye guharurira abantu inzira yo kubana n'Imana iteka ryose. Buri sezerano Imana yatanze ryerekezaga kuri Yesu. Mbega igitangaza!

Muri iki gihe cya Noheli, twibutswe impano twahawe muri Yesu, kandi ko Imana isohoza amasezerano yayo yose. Kandi tube nka Mariya tuvuge tuti: "Nkorera Uwiteka," mu gihe dusangiza abandi iyi Nkuru Nziza!



10 UKUBOZA

INDIRIMBO YA MARIYA

SOMA: LUKA 1:39-56

Mariya yahawe umurimo ukomeye, umurimo ukomeye kuruta iyindi yose, wo kuba nyina w'umwana Yesu! Iyi nkuru yari ikomeye cyane ku buryo abandi bantu, ndetse n'umuryango we, batari kubyumva. Imana yatoranyije Mariya, umukobwa ukiri muto abenshi bari kubona nk'udafite agaciro, ngo akore uyu murimo wera cyane. Imana yari izi ko Mariya azakenera umuntu wari kumva neza umurimo we ukomeye. Ni ko kumumenyesha ko mwene wabo wo mu muryango, Elizabeti, na we yari agiye kubyara.

Soma Luka 1:39-56.

Mariya yumvise ashimiye cyane ineza n'impuhwe by'Uwiteka igihe yari atekanye mu rugo rwa Elizabeti. Mariya yamenye ko Elizabeti yumvaga neza ibyo Uwiteka yakoraga muri we (mu mubiri) kandi binyuze muri we (umugambi). Mariya yahimbaje (gushima, gusingiza no guha icyubahiro) Uwiteka! Igihe yasingizaga Imana, yibutse amasezerano yayo yahaye Aburahamu. Yari azi ayo masezerano kuko yari azi Imana n'Ijambo ryayo. Isezerano ryihariye kandi ridakuka Imana yahaye Aburahamu n'abana be turyita "Isezerano rya Aburahamu." Mariya yari azi ko mu gutwita Yesu, Imana yari itangije Isezerano ryayo Rishya–umugambi wayo wo gukiza ubwoko bwayo. Yaririmbye asingiza Umwami, kandi ashyira mu ndirimbo ye Ibyanditswe byavugaga ku isezerano ry'Imana nk'igice cy'ingenzi cyo kuyisingiza. Dushishikare, twishime kandi turamye, kuko Imana yakoresheje abantu basaga cyangwa bafatwaga nk'abadafite agaciro mu gukora imwe mu mirimo yayo yera cyane.



11 UKUBOZA

INDIRIMBO YA ZAKARIYA

SOMA: LUKA 1:67-79

Ese waba warigeze wishima cyane ku buryo watangiye kuririmba? Wenda bitunguranye ukisanga uri kuririmba, nk'aho uri ku ririmbira imbaga y'abantu mu gitaramo cy'umuziki!

Wari uzi ko ibyo byabaye no muri Bibiliya? Hari ibihe abantu bari buzuye ibyishimo cyane ku buryo baririmbiye Imana indirimbo zo kuyisingiza.

Zakariya yaririmbiye Imana indirimbo yihariye cyane.

Ariko se kubera iki Zakariya yari yuzuye ibyishimo bingana bityo?

Yibutse ko Imana isohoza amasezerano yayo.

Imana isohoza amasezerano. Ni yo itanga amasezerano ku bantu bayo. Zakariya yari azi ko Imana yari yarahaye ubwoko bwayo amasezerano yihariye kandi ndakuka, kera cyane—abantu nka Aburahamu, Mose na Dawidi. Kandi n'ubwo hari hashize iyo myaka yose, Imana yari igisohoza amasezerano yayo.

Mu ndirimbo ye, Zakariya yibutse amasezerano Imana yari yaragiranye n'ubwoko bwayo. Yararirimbye ati: "...Yabikoreye abakomoka mu muryango w'umugaragu we Dawidi" (Luka 1:69).

Dawidi yabayeho kera cyane mbere ya Zakariya. Ariko Imana ntiyibagiwe isezerano yagiranye na Dawidi—ko Umwami wo mu muryango we azategeka iteka ryose.

Zakariya yanibutse isezerano Imana yahaye Aburahamu. Akomeza kuririmba ati: "Yasezeranye kudukiza abanzi bacu. Bityo dushobora kumukorera tudafite ubwoba" (Luka 1:74).

Imana yasezeranyije Aburahamu ko umuryango we uzabera amahanga yose umugisha. Imana yanasezeranye kubana n'ubwoko bwayo. Noneho, Zakariya yari atangiye kubona ko Imana yarimo isohoza amasezerano yayo. Yohereje Yesu ngo akize ubwoko bwayo.

Hanyuma, Zakariya akomeza araririmba ati: "...Imbabazi ze zizatuzanira izuba rirashe rivuye mu ijuru. Rizamurikira abaguye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu. Rizayobora ibirenge byacu mu nzira y'amahoro" (Luka 1:78-79).

Amagambo ya Zakariya yibukije abantu ibyo umuhanuzi Yesaya yari yaravuze kera cyane. Yesaya yavuze ko umucyo uzamurikira abantu baba mu mwijima (Yesaya 9:2). Uwo mucyo ni Yesu!

Imana izana umucyo ahari umwijima.

Imana idufasha kumenya aho tujya iyo twumva twayobye.

Kandi Imana iduha amahoro iyo ubuzima busa n'umuyaga w'ishuheri.

Yesu ntiyari umugambi mushya. Imana yasezeranye kohereza Umukiza kera cyane mbere y'uko Yesu avuka. Zakariya yaririmbye yishimira ko Imana yarimo isohoza amasezerano yayo!

Imana isohoza amasezerano.

Imana iha abantu bayo amasezerano.

Sinzi uko wowe wiyumva, ariko ibyo binteye nanjye gushaka kuririmba ubu!



12 UKUBOZA

YOZEFU

SOMA: MATAYO 1:18-24

Ese waba warigeze ubona umunyabugeni ushushanya ishusho ayicuritse? Nibuka ko umunsi umwe nari nagiye kureba umukino, maze mu karuhuko ko hagati (Nyuma y'igice cya mbere), umunyabugeni araza. Atangira gushushanya imirongo n'amashusho bidafite gahunda. Abantu bari bateraniye aho bari bayobewe. Ku iherezo, byari bikigoye kumenya icyo ari cyo kugeza ubwo ahinduye igishushanyo cye, agaragaza ko ari inyoni nziza cyane itukura. Abari aho bamaze kubona ko yashushanyije ikirango cy'ikipe yabo, bavuza impundu.

Mu nkuru yacu, Yozefu yari ameze nka ba bantu bari bateraniye aho. Yari azi ko Imana hari icyo irimo gukora, ariko byari bikigoye kumenya neza ibyabaga. Yozefu yiringiye Imana kandi arayumvira, nubwo umugambi wayo wari ugoye kumva icyo gihe.

Wasanga Yozefu yari afite igihunga n'ubwoba igihe marayika yamusuraga. Byashoboraga kumworohera kutumvira Imana. Nubwo atari asobanukiwe imigambi y'Imana, yahisemo kuyumvira.

Umugambi w'Imana wari uwuhe? Umugambi wayo wari uwo kohereza Umwana wayo Yesu ava mu ijuru aza ku isi, ngo akize abantu ibyaha byabo. Kera cyane mbere y'ibi, Imana yavugiye mu muhanuzi witwaga Yesaya. Yavuze ko ibi bizaba. Noneho, igihe cyari kigeze ngo isi ibone ibyo Imana yakoraga.

Uribuka Dawidi wo mu Isezerano rya Kera? Wa musore warwanye na Goliyati, nyuma akaza kuba umwami. Wari uzi ko Yozefu na Dawidi bari abo mu muryango umwe? Ariko babayeho batandukanyijwe n'imyaka amagana. Imana yasezeranyije ko Yesu azakomoka mu muryango wa Dawidi, kandi iryo sezerano ryarasohoye. Dawidi ntiyasobanukiwe neza ibyo Imana yakoraga, ndetse na Yozefu byari uko.

Dore Inkuru Nziza tubonye kwizihiza uyu munsi. Bitandukanye n'uko byari bimeze ubwo, ubu ntabwo bikiri iyobera. Noheli ni igihe twizihiza ko Umukiza yavutse ngo akize abantu ibyaha byabo, kandi izina ry'uwo Mukiza ni Yesu. Iyi Nkuru Nziza ni yo marayika yaje kubwira Yzsefu.

Kuva mu gihe cya Dawidi kugeza mu gihe cya Yozefu, ubwoko bw'Imana bwari butegereje, bureba, kandi bwibaza igihe Imana izasohoreza isezerano ryayo. Imana yasohoje isezerano ryayo binyuze mu ivuka rya Yesu.



13 UKUBOZA

ISENGESHO | IBYISHIMO BY'UMURYANGO

Niba umuryango wanyu wari uhuze cyane muri iki cyumweru, mukoreshe uyu munsi kugira ngo mwongere mwisuganye cyangwa mugire igihe cyo guterana nk'umuryango.

Muvuge iri sengesho mu ijwi riranguruye nk'umuryango:

NYAGASANI YESU,
RIMWE NA RIMWE SINKUNDA GUTEGEREZA. IYO NTEGEREJE, NJYA NIBAZA NTI: "YESU, URACYARI HANO? URANYUMVA?" NDAKWINGINZE, UNYIBUTSE KO UHORA URI KUMWE NANJYE—NDETSE N'IGIHE NTAKUREBA CYANGWA NTAKUMVA. URANDEBA. URANZI. URANKUNDA. MFASHA GUTEGEREZA NO KUGIRA UMUTIMA WISHIMYE KANDI WIRINGIRA. MFASHA KWIBUKA KO UHORA UKORA, N'IGIHE NTABONA IBYO UKORA. URI MWIZA. URI UWO KWIZERWA. NDAGUKUNDA, YESU. IBYO TUBISABYE MU IZINA RYAWE, AMINA.

IMIKINO Y'UBWENGE!

Muri iki cyumweru gishize twasomye ku bantu bamwe bagombaga gutegereza—Zakariya yategereje ko ijwi rye rigaruka n'umuhungu we avuka, Mariya yasuwe na Gaburiyeli maze ategereza ko Yesu avuka, kandi abantu bose bari bategereje Umukiza wabo bari bamaze igihe kirekire bategereje.

Uyu munsi, mutangire guteranya ibice by'ishusho (bizwi nka jigsaw puzzle) nk'umuryango. Rimwe na rimwe guteranya ibi bice bishobora gutwara iminsi, kandi tugomba gutegereza kugira ngo tubone ishusho yose yuzuye. Niba murangije ibyanyu vuba, mutangire ibindi, kandi noneho mutekereze kutagaragaza agasanduku kariho ishusho mu gihe muteranya ibice. Bizabafasha kwimenyereza gutegereza kubona ishusho yuzuye!

Igihe mutangiye guteranya ibice by'ishusho, mubazanye ibi bibazo:

- Ni ikihe kintu wigeze gutegereza igihe kirekire?
- Wumvise umeze ute igihe wategerezaga?





14 UKUBOZA

KAYISARI AWUGUSITO ATEGEKA KO HABAHO IBARURA

SOMA: LUKA 2:1-5; MIKA 5:2

Wakora iki uramutse ubaye umwami?

Hari kimwe kidashidikanywaho. Washoboraga gukora icyo ushaka cyose! Washobora kurya ibiryohereye (nka ice cream) mu gitondo. Washobora gutinda kuryama utinze uko ushaka. Washobora gukina imikino ya videwo umunsi wose. Abami bagira ababasha. Bagira ubutegetsi. Nta muntu ubwira umwami icyo akora.

Birashoboka ko Kayisari Awugusito ari uko yiyumvaga igihe yari umwami w'i Roma. Yari umwami w'ubwami bunini cyane, bufite abaturage benshi batabarika. Ariko Awugusito yifuzaga abantu baushyigikiye. Bityo rero ategeka ko buri wese asubira mu mujyi kavukire w'umuryango cyangwa agace umuryango we we ukomokamo kugira ngo abarurwe. Yashakaga gukora urutonde rw'abantu bose bo mu bwami bwe bamushyigikiye kugira ngo yerekane ubuhangange bwe. Uko yategekaga abantu benshi, ni ko yumvaga urwegi rw'ubuhangage bwe buri.

Kubera iryo barura, abantu za miliyoni bagombaga gukora urugendo basubira mu mijyi bavukiyemo. Muri abo harimo Mariya na Yozefu, ababyeyi ba Yesu. Luka 2:1-5 hatubwira ko bagombaga gukora urugendo bajya mu kajyi gato ka Betelehemu kuko ari ho umuryango wa Yozefu wakomokaga. Mariya yabyaye Yesu nyuma gato y'uko bahagera.

Awugusito ntiyabimenye, ariko iryo barura ryari umugambi w'Imana. Mariya na Yozefu babaga i Nazareti. Ariko umuhanuzi Mika yari yarasezeranyije ubwoko bw'Imana ko Umukiza azavukira i Betelehemu (Mika 5:2). Imana yari kubageza ite i Betelehemu ku gihe cy'ivuka rya Yesu? Imana yakoresheje umwami kugira ngo bishoboke! Kayisari Awugusito yatekerezaga ko gukora urutonde rw'abantu bo mu bwami bwe bizatuma agaragara nk'igihangage. Mu by'ukuri, icyo yakoze gusa ni ukwereka buri wese ukuntu Imana ifite ababasha!

Kayisari yibwiraga ko ari we mwami. Yibwiraga ko ashobora gukora icyo ashaka cyose. Yibwiraga ko buri wese agomba gukora ibyo avuze. Yibagiwe Umwami wo mu ijuru. Imana ni yo itegeka byose. Imana buri gihe ikora ibikwiriye. Imana buri gihe ikora ibyo yasezeranye. Ni yo Mwami Nyakuri. Ishobora gukoresha uwo ari we wese—ndetse n'umwami wikunda—kugira ngo imigambi yayo isohore!



15 UKUBOZA

YESU AZA BUCECE

SOMA: LUKA 2:6-7

Yesu yari Umwami w'abami. Ariko ntiyavukiye mu ngoro y'umwami. Yavukiye mu kiraro, hanyuma ashyirwa mu muvure w'amatungo. Kubera iki? Kubera ko nta handi hantu hari umwanya wo kumwakira.

Umwami yari akwiriye guhabwa icyumba cyihariye—ndetse wenda n'akarasisi ko kwishimira umwami wavutsei—kugira ngo ivuka rye ritangazwe, bityo ibi byasaga nk'ibidasanzwe. Abantu bari bakwiriye kubona ko aje, ariko Imana si uko yabikoze.

Imana ikora ityo kenshi na cyane cyane mu Isezerano rya Kera.

Imana yahaye Aburahamu na Sara umwana igihe bari bashaje cyane. Ntibyumvikanaga, ariko Imana yasohoje isezerano ryayo. Mose akiri uruhinja nyuma y'ivuka,ariwe Imana yari kuzakoresha ngo akize ubwoko bwayo, yashyizwe mu gatebo, karemba ku ruzi kugira ngo arokoke akaga. Umusore Dawidi rero ntiyanazanwe avuye mu rwuri rw'intama igihe umuryango we wahitagamo uzaba umwami. Buri wese yaramwibagiwe. Ariko Imana yo, ntiyamwibagiwe.

Umugabo n'umugore bashaje cyane. Uruhinja mu gatebo. Umuhungu utari ufite ukimwibuka n'umwe. Umuvure mu kiraro.

Urabona uko bigenda bihura? Imigambi ikomeye kuruta iyindi y'Imana hafi ya buri gihe ntisa nk'uko tuba tuyiteze. Ntiba iri yirata ngo tuyibone nk'igitangaza. Iba iri kugaragaza ubudahemuka bwayo, n'ubwo byaba ku hantu hato hanibagiranye.

Niba ibintu bitari kugenda nk'uko wabyifuzaga cyangwa wumva uremerewe, ufite agahinda, cyangwa impungenge, ujye uhora wibuka ko Imana isohoza amasezerano yayo. Mu bihe nk' Imana ikunda kwigaragariza. Ni iyihe nkuru muri zose ubu iri kugukora ku mutima kurusha izindi–iya Yesu, Aburahamu na Sara, Mose, cyangwa iya Dawidi? Ni iki wakora kugira ngo ubashe guha Imana umwanya birushijeho muri iki cyumweru?

Muvugire hamwe iri sengesho nk'umuryango: Mana, Warakoze kohereza Yesu mu buryo butuje, buciye bugufi. Warakoze kuba udakenera imigambi itunganye kugira ngo usohoze amasezerano yawe. Mfasha kukwizera muri byose, ndetse no mu bito cyane by'ubuzima bwanjye. Mfasha kukubonera umwanya uyu munsi. Mu izina rya Yesu, amina.



16 UKUBOZA

ABASHUMBA BUMVA INKURU NZIZA

SOMA: LUKA 2:8-12

Uzi icyo isezerano ry'Imana ari cyo? Ni isezerano ryihariye kandi ndakuka Imana igirana n'ubwoko bwayo. Kera cyane, Imana yagiranye isezerano n'umugabo witwaga Aburahamu: "...Amahanga yose yo ku isi azahabwa umugisha binyuze muri wowe" (Itangiriro 12:3). Abantu bose. Si umuryango wa Aburahamu gusa. Buri wese, aho ari hose.

Nyuma y'imyaka myinshi, Imana yagiranye irindi sezerano, noneho n'umwami witwaga Dawidi. Yavuze ko umuntu ukomoka mu muryango wa Dawidi azaba Umwami iteka ryose. Bitari iby'igihe gito. Iteka ryose.

Hanyuma, Dawidi arapfa. Imyaka irashira. Hanyuma, hashira indi myaka myinshi kurushaho.

Imana yaba yaribagiwe amasezerano yayo?

Ntiyayibagiwe. Ntijya iyibagirwa.

Ijoro rimwe, hari abashumba bamwe bari mu rwuri baragiye intama zabo, hafi y'akajyi gato kitwa Betelehemu—ari na wo mujyi nyine Umwami Dawidi yakuriyemo, kera cyane mbere y'uko aba umwami.

Mu buryo butunguranye, marayika arabonekera, arabagirana cyane mu kirere cyijimye. Abashumba bagira ubwoba bwinshi. Ariko marayika arababwira ati: "Mwitinya. Mbazaniye inkuru nziza. Izazanira abantu bose ibyishimo byinshi. Uyu munsi mu mujyi wa Dawidi, Umukiza yabavukiye. Ni we Mesiya, Uwiteka" (Luka 2:10).

Tekereza abantu ba mbere bumvise iyo nkuru. Si abami. Si abategetsi. Si abayobozi b'idini bamaze ubuzima bwabo bwose biga Ibyanditswe Byera. Ahubwo abuashumba! Abantu bakoraga imirimo isuzuguritse cyane, isa n'idafite agaciro mu gihe cyabo.

Ariko Imana yarabatoranyije ngo babe aba mbere bumva Inkuru Nziza.

Ibyo ntibyari impanuka. Byari Imana isohoza isezerano yagiranye na Aburahamu, n'iryo yagiranye na Dawidi, imbere y'amaso ya buri wese. Binyuze muri Yesu, abantu BOSE bo ku isi bari kuzahabwa umugisha, kandi iryo sezerano ryari ritangiye gusohora muri iryo joro nyirizina, ubwo abashumba bari mu rwuri.

Abo "bantu bose" nawe urimo. Hatitawe k'uwo uri we, ibyo wakoze, aho ukomoka, cyangwa akazi uzakora umunsi umwe.

Yesu ari hano. Kandi ari hano kuko agukunda. Isezerano Imana yatanze kera cyane—yararisohoje. Buri gihe ararisohoza. Ni Imana y'urukundo isohoza amasezerano yayo, kandi dushobora kuyizera.



17 UKUBOZA

IKUZO N'IGITANGAZA

SOMA: LUKA 2:13-20

Ese wigeze ugira uruhare mu gutegura ikintu cyiza cyo gutungura mugenzi wawe? Ndavuga ikintu gitunguranye gikomeye, ugomba kugira ibanga igihe kirekire. Bimwe mu bintu bitunguranye byiza kuruta ibindi ni ibirori bitunguranye. Cyane cyane ibirori by'isabukuru bitunguranye!

Umwanditsi wa Bibiliya Luka na we ashobora kubyemera uko. Igihe yavugaga inkuru y'isabukuru ya Yesu, yayivuze nk'ibirori bitunguranye byiza kuruta ibindi byose. Uretse ko ari ibirori bitunguranye ariko bitandukanye cyane n'ibisanzwe. Nyir'ibirori by'isabukuru n'umuryango we wose bazi ibigiye kuba byose. Muri ibi birori, abatumirwa ni bo batungurwa!

Dore ikindi gitangaje rero: ijoro risanzwe ryahindutse ibirori byo kubaha uruhinja ruto rwari rugiye gukora umurimo ukomeye. Uru ruhinja ruto ni Umukiza—Mesiya—Uwo Imana yatoranyirije umugambi wihariye. Imbere y'amaso y'abo bashumba, hari hatangijwe birori biruta umuryango, biruta umujyi, ndetse biruta isi ubwayo! Ibi birori byo kwizihiza Umukiza byatangiriye mu ijuru, biramanuka bisaga isi yose. Abo mu ijuru bose n'abo ku isi bose bizihije inkuru imwe nziza: Amaherezo, Imana yari isohoje isezerano ryayo!

Mu ntangiriro y'inkuru yayo, Imana yagiranye n'ubwoko bwayo isezerano ryihariye kandi ndakuka. Yasezeranyije ko izohereza umuntu uzongera agasubiza ibintu byose mu buryo. Uwo muntu yari kwereka buri wese ko Imana buri gihe isohoza amasezerano yayo ku bwoko bwayo. Muri iryo joro, Imana yari yohereje uwo muntu—yasohoje isezerano ryayo!

Abashumba bitwaye mu buryo bwari bwiza kuruta ubundi bwose; ntibizihije ibirori gusa, ahubwo bagiye ku byirebera n'amaso yabo! Kubona uyu Mukiza wihariye byari ibintu by'agatangaza ku buryo batashoboraga kureka kubibwira buri wese. Nibaza uko byari bimeze kumva babara iyi nkuru!

Dore indi nkuru nziza. Inkuru y'abashumba ni inkuru yacu natwe! Nibaza ibindi bintu bikomeye Imana yakoreye umuryango wacu? Ni izihe nkuru twavuga zerekana ukuntu Imana yadusohoreje amasezerano yayo?



18 UKUBOZA

SIMIYONI YATEGEREJE IGIHE KIREKIRE

SOMA: LUKA 2:25-35

Kera cyane, umusaza witwaga Simiyoni yabaga i Yerusalemu. Yakundaga Imana n'umutima we wose.

Buri munsi, yategererezaga mu rusengero, kuko Imana yari yaramuhaye isezerano. Mwuka Wera yari yaramubwiye ati: "Ntuzapfa utarabona Mesiya n'amaso yawe."

Mesiya yari uwo Imana yasezeranye kohereza ngo akize ubwoko bwayo. Simiyoni ntiyari azi igihe bizabera. Ariko yari azi ko Imana buri gihe isohoza amasezerano yayo.

Nuko, Simiyoni arategereza—mu bihe by'imbeho no mu by'izuba, amasabukuru y'amavuko no mu minsi mikuru. Yategereje igihe kirekire cyane kugeza umusatsi wo ku mutwe we wavuye uhindutse imvi, kugeza wose uhindutse umweru de. uba. Twakwibaza ko iminsi imwe yibazaga ati: "Nyagasani, ese ni uyu munsi?" ndetse indi minsi, twakwibaza ko byamugoraga gukomeza kugira ibyiringiro.

Bamwe batekerezaga ko Simiyoni yari yarumvise nabi ibyo Imana yamubwiye. Gusa yakomeje kujya gusenga mu ngoro y'Imana umunsi ku munsi atekereza ko—wenda uwo munsi waba ari wo.

Hanyuma, umunsi umwe, umubyeyi ukiri muto witwaga Mariya n'umugabo we, Yosefu, binjira mu rusengero. Bari bateruye uruhinja ruto rwitwa Yesu. Nta wundi wabonye ikintu kidasanzwe. Ariko hari ikintu mu mutima wa Simiyoni yiyumvishemo kimwongoreye kiti: "Ni We."

Mariya ashyira uruhinja Yesu mu maboko ya Simiyoni. Simiyoni yubura amaso areba mu ijuru, amaso ye yuzuye amarira y'ibyishimo. Aravuga ati: "Noneho, Nyagasani, nshobora kugenda mu mahoro, nk'uko wabinsezeranyije."

Nyuma y'iyo myaka yose, isezerano ry'Imana ryarasohoye—aho nyine, mu maboko ya Simiyoni.

Dukunda iyi nkuru, kuko natwe hari igihe twategereje ibintu runaka. Uzi uko gutegereza bimera—gutegereza isabukuru yawe, gutegereza ko iryinyo rijegajega rikuka, gutegereza ibiruhuko by'impeshyi. Uko gutegereza gushobora gusa nk'ukutarangira!

Dore icyo twize: Imana ntijya yibagirwa ibyo yasezeranye. Ishobora kudusaba gutegereza. Ariko buri gihe isohoza ijambo ryayo.

Nuko rero, uyu munsi, tekereza ku kintu kimwe utegereje ku Mana. Komeza ugire ibyiringiro, nk'uko Simiyoni yabigenje. Gumana ukwizera mu gihe utegereje, kuko Imana buri gihe isohoza amasezerano yayo.



19 UKUBOZA

ANA YATEGEREZANYIJE UKWIZERA

SOMA: LUKA 2:36-38

Umugabo wa Ana yapfuye bamaze imyaka irindwi gusa bashakanye, kandi ntiyigeze yongera gushaka. Yafashe icyemezo cyo kuba mu ngoro y'Imana, ari byo kuba kuba mu rusengero ubuzima bwose yari asigaje kubaho. Yasengeraga kandi akaramiriza aho ari umupfakazi kugeza ku myaka 84. Ntibyari nk'akazi, aho ugenda ugakora umunsi wose ubundi ku mugoroba ugataha. Byahindutse ubuzima bwe, aba ari byo akora gusa ibihe byose! Yakundaga Imana bigeze aho.

Ana yiringiye ko Imana izasohoza isezerano ryayo ryo kohereza uzabohora ubwoko bwayo ku cyaha! Yari yarumvise ibyerekeye Uwo Imana yasezeranye ubuzima bwe bwose, kandi yari amwiteze! Yizeraga ko azaza, nubwo hari hashize igihe kirekire cyane. Yakomeje gusenga, kuramya Imana, no gutegereza Uwasezeranyijwe mu gihe cy'imyaka 84. Ibyo bigomba kuba byari bigoye.

Ana yarakomeje, ubudahwema, atarekeraho. Ategereje icyo Imana yasezeranye. Yizera ko Imana *izakora* ibyo yasezeranye. Ategereza buri munsi. Ategerezanya *ibyiringiro*. Asenga kandi aramya amanywa n'ijoro. Yiyiriza ubusa kugira ngo agaragaze ko ko yizera Imana. Buri munsi, yafataga icyemezo cyo kubisubiramo.

Wari umunsi usanzwe kuri Ana ubwo Mariya na Yosefu bazanaga umwana wabo mu rusengero kugira ngo bumvire Imana. Ana akibona uwo mwana, Bibiliya iravuga iti: "ashima Imana" (Luka 2:38). Yari azi ko ari we UWASEZERANYIJWE. Imana yamwemereye kubona isezerano risohora! Yari amaze igihe kirekire cyane ategereje, ariko ntiyigeze areka kuramya Imana no gusenga.

Kuva icyo gihe, yabwiraga buri wese ibyo yari yabonye. Ana yari azi ko Yesu ari we Imana yasezeranye. Iyo twiringiye ko Imana izakora ibyo ivuga, bishobora kutaba ako kanya. Natwe tugomba kuba abo kwizerwa, tugomba kugumana ukwizera. Dushobora gusenga mu gihe tugitegereje. Ana atwereka uko twaramya Imana mbere y'uko isezerano risohora. Dushobora kuramya Imana mu gihe dutegereje ko igaruka.



20 UKUBOZA

ISENGESHO | IBYISHIMO BY'UMURYANGO

Niba umuryango wanyu wari uhuze cyane muri iki cyumweru, mukoreshe uyu munsi kugira ngo mwongere mwisuganye cyangwa mugire igihe cyo guterana nk'umuryango.

Muvuge iri sengesho mu ijwi riranguruye nk'umuryango:

YESU NKUNDA,
WARAJE! WARAJE KOKO! MU GIHE KIREKIRE CYANE, ABANTU BARI BAGUTEGEREJE. HANYUMA, MU GIHE NYACYO, WAJE URI URUHINJA RUTO. WAVUKIYE AHANTU HATUJE KANDI HOROHEJE, ARIKO WARI IMPANO IRUTA IZINDI ZOSE ISI YIGEZE IHABWA. WARAKOZE KUZA KU ISI KUBERA KO UDUKUNDA CYANE. URAKOZE KUBA IBYIRINGIRO BYACU NO KUTWEGEREZA IMANA. WARAKOZE KUZA, YESU. NI WOWE MPANO IRUTA IZINDI ZOSE! IBYO TUBISABYE MU IZINA RYAWE RYERA, AMINA.

GUPFUNYIKA IMPANO

Mu gihe umuryango wanyu witegura Noheli isigaje iminsi mike, mushake ishusho y'akana Yesu iri mu rugo rwanyu. Ishobora kuba ari urupapuro rwo gusiga amabara rwavuye ku ishuri, igice cy'ishusho cyo mu nkuru ishushanyije y'ivuka rya Yesu, cyangwa igipupe cy'uruhinja gipfunyitse mu mwenda. Mugishyire mu ishashi, agafuka cyangwa agakapu k'impano, cyangwa mugipfunyike mu gakarito maze mugishyire munsi y'igiti cya Noheli. Ku gitondo cya Noheli, mupfundure iyo mpano maze ibibutse ukuntu Yesu ari we mpano iruta izindi zose! (Iki gishobora no kuba igihe cyiza cyo gusoma Luka 2:1-20!)

Mu gihe mupfunyika impano, mubazanye:

- Ni iyihe mpano wishimiye cyane gutanga muri uyu mwaka?
- Twakwizihiza dute impano ya Yesu umwaka wose?



21 UKUBOZA

ABANYABWENGE BAHURA NA HERODE

SOMA: MATAYO 2:1-8

Ese waba warigeze ukora urugendo rurerure mu modoka? Wari wagiye he icyo gihe? Ese wigeze ubaza uti: "Twagezeyo?" Reka nkubwire inkuru y'abagabo bamwe bakoze urugendo rurerure cyane.

Bibiliya itubwira iby'abanyabwenge bamwe babonye inyenyeri idasanzwe cyane. Bizeraga ko ari ikimenyetso giturutse ku Mana kibereka ivuka ry'Umwami. Nuko bafata icyemezo cyo gukora urugendo bayikurikiye.

Iyo ngiye mu rugendo rurerure, njyana utuntu twinshi two kurya ndi mu nzira, kandi nkagenzura neza porogaramu ya telefoni inyereka inzira kugira ngo ntayoba. Nibaza icyo abanyabwenge bitwaje mu rugendo rwabo? Bitwaje ibihe byo kurya mu nzira? Byari kubatwara igihe kingana iki kubona Umwami? Nta telefoni bari bafite ifite porogaramu ibayobora; ndetse icyo gihe nta n'izabagaho! Bakurikiraga inyenyeri gusa.

Igihe abanyabwenge bibwiraga ko bari hafi kugera aho inyenyeri yerekezaga, bahuye n'umwami wari ufite ishyari witwaga Herode. Herode ntiyashakaga ko undi muntu uwo ari we wese aba umwami. Yasabye abo banyabwenge gukomeza gushaka uwo mwana, bamubona bakagaruka kumubwira. Imana yeretse abanyabwenge aho babona Umwami ibinyujije mu nyenyeri bakurikiraga.

Tuzi muri Bibiliya ko inyenyeri yayoboye abanyabwenge ikabageza kuri Yesu. Abanyabwenge bamaze kubona Yesu, bamenye ko ari we mwami w'Abayuda. Yesu yaje gukiza abantu bose ibyaha byabo. Yahisemo gupfira ibyaha byacu, kandi nitubyizera tugahitamo kumukurikira, tubona kandi tugororerwakubana na we ubu n'iteka ryose.

Ni yo mpamvu iyo nyenyeri yari idasanzwe. Yayoboye abanyabwenge ibageza kuri Uwo udukunda kuruta abandi bose. Nuko rero, igihe uzubura amaso ukareba mu kirere ukabona inyenyeri zose, uzibuke inkuru y'inyenyeri, y'urugendo rw'abanyabwenge, n'iy'Umwami ugukunda!



22 UKUBOZA

ABANYABWENGE BABONA YESU

SOMA: MATAYO 2:9-12

Nkunda impano za Noheli! Impapuro cyangwa ambaraji zibengerana zo gupfunyika. Imishumi n'amapfundo bizengurutse impano. Kandi, birumvikana, udupapuro twanditseho izina ryanjye! Birashimishije cyane kubyuka ku gitondo cya Noheli ugasanga impano zose munsi y'igiti!

Noheli ni igihe dukunda gutanga (no guhabwa!) impano. Hari ikintu ku ivuka rya Yesu gituma dushaka kwizihiza. Dushaka gusangiza abandi ibyishimo byacu. Duha abandi impano kubera ko tuzi impano ikomeye Imana yaduhaye.

Wari uzi ko Bibiliya itubwira ibya zimwe mu mpano za Noheli za mbere na mbere? Nyuma y'imyaka micye Yesu avutse, itsinda ry'Abanyabwenge ryageze i Betelehemu kureba Yesu. Bari barabonye inyenyeri itangaza ivuka rye. Bari bazi ko bagomba kujya kureba Umwami wari wavutse. Kubera ko babaga kure, byari byabatwaye amezi menshi gukora urugendo rurerure ngo bagere i Betelehemu. Bahageze, bazana impano zo guha Yesu n'umuryango we:

"Abanyabwenge binjira mu nzu. Bahageze basanga umwana ari kumwe na nyina Mariya. Barapfukama, baramuramya. Hanyuma bapfundura impano z'agaciro kanini bari baje bitwaje. Bamuha izahabu, icyome n'ishangi" (Matayo 2:11).

Birashoboka ko impano bahaye Yesu zidasa n'impano ziri munsi y'igiti cyawe. Bahaye Yesu izahabu, impano yahabwaga umwami. Bamuha icyome, impano abatambyi bakoreshaga mu kuramya. Ubwa nyuma, abanyabwenge bahaye Yesu icupa ry'ishangi, amavuta ahumura cyangwa umubavu yerekezaga, cyangwa yagaragazaga umusaraba. Nubwo Yesu yari akiri agahungu gato, Imana yakoresheje izi mpano kugira ngo zerekane icyo yari yaje gukora, byerekane uwo yari we. Muri We, amasezerano yose ndakuka y'Imana yari arimo gusohora!

Kuri Noheli, Imana yaduhaye impano iruta izindi zose. Yaduhaye Umwana wayo! Impano z'abanyabwenge zitwibutsa gusubiza ku mpano y'Imana tuyisingiza. Turirimba indirimbo ziririmba Yesu. Dutanga impano tutizigamye. Nk'abanyabwenge, twicisha bugufi imbere ya Yesu dufite umutima ushima. Duha Yesu byose kuko Yesu yaduhaye byose.



23 UKUBOZA

MBERE YA BETELEHEMU

SOMA: YOHANA 1:1-14

Iki Cyanditswe gitangirana amagambo agira ati: "Mu itangiriro." Utekereza iki iyo wumvise "mu itangiriro"? Ushobora gutekereza ku itangira ry'umwaka mushya w'amashuri. Cyangwa itangira ry'igihembwe gishya cy'umukino ukunda.

Mu itangiriro. Wigeze wumva ayo magambo ahandi? Hari igitabo cyo muri Bibiliya gitangira kimwe. Ni Itangiriro—igitabo cya mbere cya Bibiliya.

Mu Itangiriro 1:1, Imana yavuze ijambo maze irema isi. Yohana 1 itangirana amagambo amwe, "Mu itangiriro," ariko Yohana agiye kutubwira aho Yesu yari ari igihe cy'irema.

Ongera usome Yohana 1:1. Noneho usimbuze "Jambo" izina "Yesu."

"Mu itangiriro, Yesu yari asanzweho. Yesu yari kumwe n'Imana kandi Yesu yari Imana."

Mbere y'itangira ry'ibihe, Yesu yari kumwe n'Imana Se. Mbere y'uko Imana irema isi, Yesu yari ahari. Mbere y'uko Imana irema abantu, ikirere, inyamaswa, ndetse n'ibiti, Yesu yari ahari. Yesu yahozeho buri gihe kuko ari Imana.

Ariko mu gihe nyacyo, Imana yohereje Yesu ku isi ari umwana w'umuntu.

Mu Isezerano rya Kera, Imana yasezeranyije gukiza isi. Nubwo abantu bakoze icyaha, Imana yari ifite umugambi utunganye wo gukiza ubwoko bwayo kuva kera. Yesu ni we Imana yasezeranyije abantu kohereza.

Igihe Yesu yavukiraga i Betelehemu mu kiraro, ashobora kuba yarasaga n'uruhinja rusanzwe, umwana w'umuntu. Ariko Yesu ni we Imana yari kuzakoresha ngo ikize ubwoko bwayo. Imana ikunda ubwoko bwayo, bityo yari yiteguye gutanga Umwana wayo w'ikinege ngo apfire ku musaraba ku bw'ibyaha byacu.

Mu itangiriro, kera cyane mbere y'uko Yesu avukira i Betelehemu, Imana yasezeranye kohereza Umukiza. Yesu ni we wari umugambi w'Imana wo gukiza ubwoko bwayo. Imana buri gihe isohoza amasezerano yayo!

Muvugire hamwe isengesho musingiza Imana kubera ko buri gihe isohoza amasezerano yayo.



24 UKUBOZA

IMANA ISOHOZA AMASEZERANO YAYO

SOMA: LUKA 2:72; 2 ABAKORINTO 1:20

"Simiyoni yakira Yesu mu maboko ye, maze agahimbaza Imana. Aravuga ati: 'Mwami, uri Umwami utegeka byose. None reka umugaragu wawe yigendere mu mahoro. Ni ko wasezeranye'" Luka 2:28-29.

Simiyoni yari amaze igihe kingana iki ategereje? Ese yibazaga akanareba, umunsi ku wundi, ngo amenye niba isezerano ry'Imana ku bwoko bwayo amaherezo rizasohora?

Hanyuma,Yesu araza.

Mariya na Yosefu bazana umwana Yesu i Yerusalemu. Umunsi wari ugeze! Isezerano ryari rihari!

Simiyoni *yabonye* Yesu. Aramwakira aramuterura—atwara isezerano ry'Imana mu maboko ye.

Mesiya, uwo Imana yasezeranyije yari aje.

Ubwoko BWOSE bw'Imana bwari bumaze igihe kingana iki butegereje? Bari bazi ko Imana yaremye isi, kandi ko icyaha cyinjiye mu isi binyuze kuri Adamu na Eva. Bari bazi ko icyaha cyangije ibyari byiza cyane—ariko ko Imana itari kubireka bityo. Yari kongera gusana isi. Yari kuzahindura byose bishya.

Bari bazi ko Mesiya azaza.

Bari bazi isezerano ry'Imana, ari ryo sezerano ryihariye kandi riri ndakuka, yagiranye na Nowa—ko isi itazongera kurimburishwa umwuzure.

Bari bazi isezerano Imana yagiranye na Aburahamu: "...Amahanga yose yo ku isi azahabwa umugisha binyuze muri wowe" (Itangiriro 12:3). Imana yasezeranyije abayisirayeli igihugu cyo guturamo. Yasezeranye Aburahamu kugira ubwoko bukomeye, kandi ko bazabera bose umugisha.

Bari bazi isezerano Imana yagiranye na Mose—ko ubwoko bw'Imana buzaba ubutunzi bwayo bwihariye nibumvira amategeko yayo, bakagaragaza urukundo bakunda Imana kandi bakundana.

Ariko ubwoko bw'Imana ntibwakurikije amategeko yayo. Kenshi na kenshi, ntibumviye Imana.

Ariko bari bazi isezerano Imana yagiranye na Dawidi, ko mu muryango we, Imana izazana Umwami wihariye, ubwami bwe buzahoraho iteka ryose.

Ubwoko bw'Imana bwategereje isezerano. Twe twategereje umunsi wa Noheli. Ejo tuzizihiza ko amasezerano yayo buri gihe asohora. Yesu yaje! Yesu azagaruka!

Kubera Yesu, dushobora kugirana n'Imana umubano ushingiye ku isezerano, ubu n'iteka ryose, tuzi ko isezerano ryayo ryo guhindura byose bishya rizasohora amaherezo.



25 UKUBOZA

EMANWELI YAJE!

SOMA: MATAYO 1:23; YOHANA 1:14; IBYAHISHUWE 21:3

Noheli Nziza! Iki ni cyo gihe cy'umwaka nkunda kuruta ibindi! Ni igihe twizihiza ivuka ry'Umukiza wacu, Yesu Kristo! Ariko se uzi impamvu twizihiza Yesu?

Guhera muri Kamena, tumaze igihe twiga ku masezerano Imana yagiranye n'ubwoko bwayo. Isezerano ry'Imana ni isezerano ryihariye kandi ndakuka! Imana yatanze aya masezerano kuko idukunda kandi ishaka kugirana natwe umubano. Buri sezerano ryose ryerekeza ku Mukiza... Yesu!

Urabona, kera cyane, icyaha cyinjiye mu isi binyuze kuri Adamu. Icyaha cyatumye bitugora kwegerana n'Imana, kuko Imana ari iyera kandi itunganye, naho twe ntitwera (Abaroma 3:23). Ariko Imana iradukunda cyane ku buryo, kera cyane mu Busitani bwa Edeni, yasezeranye kohereza Umukiza (Itangiriro 3:15).

Imana ntiyagarukiye aho! Igihe isi yuzuye icyaha, Imana yohereje umwuzure, ariko ikiza Nowa n'umuryango we. Hanyuma, Imana igirana isezerano na Nowa: Ntiyari kuzongera kurimbuza isi yose umwuzure. (Itangiriro 9:8-13)

Icyaha cyongeye kwiyongera mu mitima y'abantu. Kubera ko ari Imana ikunda, yagiranye isezerano na Aburahamu na Sara, umugabo n'umugore bari bashaje batagira urubyaro. Yabasezeranyije kubagira ubwoko bukomeye no guhesha umugisha amahanga yose yo ku isi binyuze muri bo! (Itangiriro 12:2-3) Yesu yari kuzakomoka mu muryango wa Aburahamu.

Imana yasohoje isezerano ryayo. Umuryango wa Aburahamu waragutse uba ubwoko bwa Isirayeli. Ariko ikibabaje ni uko Abisirayeli babaye abacakara muri Egiputa mu gihe cy'imyaka 400. Kubera ko Imana yakundaga ubwoko bwayo, yohereje Mose kubayobora ku bwigenge, kubakura muri ubwo bucakara! Mu butayu, Imana yahaye ubwoko bwayo amategeko yo kubaho kandi ibigisha uburyo bakwegerana na yo. Yanabigishije kandi uko batamba ibitambo ku bw'ibyaha byabo. Ibyo byaberekaga ibyari bigiye kuza. Umunsi umwe, Umukiza utunganye yari kuzatanga amaraso ye bwite ku bw'ibyaha byacu.

Nyuma y'aho, ubwoko bw'Imana bwashatse umwami, nuko Imana ibemerera kugira abami. Bamwe bari beza, ariko benshi ntibari beza. Ariko umwami umwe yakundaga Imana n'umutima we wose—Umwami Dawidi. Imana yagiranye na Dawidi isezerano ko umuryango we uzagira Umwami n'Ubwami bizahoraho iteka ryose! (2 Samweli 7) Uwo Mwami yari kuzaba Yesu.

Nyuma y'aho, Imana yohereje abagabo bihariye, bazwi nk'abahanuzi, kugira ngo baburire ubwoko bwayo ngo bureke icyaha. Imana yahaye umuhanuzi umwe, Yesaya,



amasezerano atangaje yerekeye Umukiza wari ugiye kuza. (Yesaya 7:14; Yesaya 9:6-7) Ayo masezerano yari asobanutse neza, kandi igihe cy'uko Umukiza aza cyari cyegereje!

Hashize imyaka myinshi. Byasaga nk'aho hashize igihe hatuje, ariko Imana yarimo itegura ikintu gikomeye kuruta ibindi byose mu mateka yose!

Iyo tugeze mu Isezerano Rishya, dusoma ibyerekeye ubuzima n'umurimo bya Yesu mu nkuru nziza enye zanditswe ziri gusa kuri Yesu muri bibiriya (amavanjiri). Matayo na Luka batubwira ibyabaye mbere y'ivuka ry'Umukiza wari umaze igihe kirekire ategerejwe.

Yesu ni we Mukiza Imana yasezeranye muri bwa busitani. Yesu ni we mpamvu Imana yakijije umuryango wa Nowa. Yesu ari mu bwoko Imana yasezeranyije Aburahamu. Yesu ni we Mwami Imana yahanye isezerano na Dawidi. Yesu ni byose abahanuzi bavuze ko azaba! Yesu ni Umwami w'Amahoro wacu! Yesu ni Igitangaza, Umujyanama wacu! Yesu ni Imana yacu Ikomeye! Yesu ni Data wa twese Uhoraho!

Muri iyi Noheli, twibuke ko ivuka rya Yesu atari ikintu cyabaye gusa mu myaka 2.000 ishize. Yesu ni Imana isohoza buri sezerano ryose yigeze itanga! Yesu yatanze ubuzima bwe ku musaraba kugira ngo twegere Imana kandi tubane na Yo ubu n'iteka ryose...niba tumwizera!

Ndasenga ngo Noheli y'umuryango wawe yuzure ibyiringiro! Nsengera ngo ubwire ushize amanga abo uzi bose iby'isezerano ritangaje rya Yesu, Umwami n'Umukiza wacu!

Noheli Nziza, mwese!

Uyu munsi kandi ni umunsi mwiza wo gusoma Luka 2:1-20. Fata akanya gato wiyibutse impano iruta izindi zose, ari yo Yesu!




IBYISHIMO

O BYINSHI

AMASHUSHO YIHISHE

HARI AMASHUSHO YIHISHE MURI AKAI GATABO KOSE! ITEGEREZE HASI AHA MAZE UREBE NIBA USHOBORA KUYABONA YOSE!



2 INYONI Z'UBURURU



2 IMISHWI



7 INYENYERI ZIFITE IMIRASIRE UMUNANI



2 INGONA ZO MU MAZI



2 IMBEBA



1 INYONI Y'UMWERU



4 IBINYUGUNYUGU



3 IBIHUMYO



2 IBINYAMASWA



6 INDABYO



3 INZIGE



2 UDUKOKO DUTUKURA

MUVUGE IRI SENGESHO MU IJWI RIRANGURUYE NK'UMURYANGO:

YESU NKUNDA,
WARAKOZE KUZA KU ISI KU BWANJYE. URI UMWAMI WASEZERANYIJWE KANDI URI IMPANO IRUTA IZINDI ZOSE IMANA YADUHAYE. NDASHAKA KUGUHA IBYIZA KURUTA IBINDI BYOSE MFITE. MFASHA KUGUHA UMUTIMA WANJYE, IGIHE CYANJYE, AMAHITAMO YANJYE, N'IMPANO ZANJYE. MFASHA KWIBUKA KO URI EMANWELI—IMANA IRI KUMWE NATWE. NTURI KURE; URI HAFI YANJYE BURI MUNSI. MFASHA GUSANGIZA ABANDI URUKUNDO RWAWE BINYUZE MU MAGAMBO YANJYE N'IBIKORWA BYANJYE. MPA UBUTWARI BWO KUBWIRA ABANDI BANTU BOSE KO WAJE, KO UDUKUNDA, KANDI KO URI UMWAMI WACU. MFASHA KUBAHO BURI MUNSI MFITE IBYISHIMO BYO KUMENYA KO URI KUMWE NANJYE. IBYO



SOUTHEAST

KiDS